KA02 2070







IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.

N° 58 — MARS 1994

# ABAHUTU BAZIRA POLITIKI YABO YO KUDASHYIRA HAMWE




**SPECIAL**

**IRUSHANWA RYA KANGURA**

- **NIYONZIMA JUSTIN YATUMWE N'INYENZI GUHINDURA MINISITERI Y'UBUTABERA IY'INYENZI.**
- **Abishe BUCYANA turacyabahiga.**

- **VUBA AHA MU RWANDA HASHOBORA GUPFA NGABO ZA LONI ZITARI HASI YA 30.**
- **I BURUNDI HARATEGURWA COUP D'ETAT.**

Bimensuel Indépendant
Editeur, Gisenyi–Info
Rédacteur et Distributeur, Gisenyi–Info
B.P. 19 Gisenyi, B.P. 1312 Kigali, Tél. 75406

Tiré sur les presses de l'Imprimerie Nationale du Rwanda

Abonnement annuel : Rwanda : 5.000 FRW
Afrique : 12.000 FRW
Europe–Amérique–Asie : 25.000 FRW
Sur cpte BCR – 14273/14 Kigali

# INDI LONI IZAVA HE KO IYAJE ITASHYE AMARA MASA ?



**Ingabo za Minuar zizataha zishwemo izirenga mirongo itatu.**

Baravuga ngo turaragura ariko iyi ndagu ya Kangura ni simusiga. Twakomeje kuvuga ko umunyamakuru rubanda ikeneye ari umenya gusesengura ibihe akifashisha ibyashize, agafata ibiriho, akandika ibizaba. Agashima ibyiza, akagaya ibibi. Nguko uko Kangura yatsinze mu nyandiko zayo. Ariko gutsinda kwa Kangura ntibiva kuri iryo zina gusa. Ahubwo biva ku myifatire y'abanyamakuru bayo n'abayashyigikiye.

**Itangazamakuru ritsinda rite?**

Umwuga w'itangazamakuru uragoye bidasanzwe. Iyo uwiyahuyemo utatekereje uhita uzimangatana ntacyo ugezeho. Ni muri urwo rwego mu Rwanda havutse ibinyamakuru birenga ijana none hakaba hasigaye hasohoka ibitarenze 5. Impamvu nta yindi ni ukujya mu kazi utagakunda cyangwa ugamije kuronka ariko ibyo ukora nawe utabyemera.

**Ibinyamakuru by'inkotanyi byahagaze bite ?**


Nyuma y'uko twe dutangira itangazamakuru ryigenga mu w'1985. Imyaka icyenda irarenga. Nitwe bantu ba mbere basanze hagomba kubaho itangazamakuru ryigenga (NGEZE Hassan - RWABUKWISI Vincent RAVI).
Twaje dusanga za Kinyamateka, Dialogue n'ibindi binyamakuru bya Leta. Kubera ko twabikundaga, ntitwanatewe ubwoba n'ibyago twagombaga guhura nabyo, haba gupfa cyangwa se gufungwa. Uko ibihe byaje bisimburana, niko twakomeje gutoza abanyarwanda kwicengezamo demokarasi no guharanira uburenganzira bwabo.
Ibyo binyamakuru twavuze ko twasanze byigenga, abanyamakuru babyo ntabwo bigengaga kubera ko bakoreraga abandi. Twe twikoreraga nitwe twari dutezweho byinshi.
Mu ntangiriro z'iyi ntambara, ubwo twari tumaze gufungwa, nibwo havutse ibinyamakuru byinshi biza byogeza inkotanyi ngo zizatsinda, ngo zaratsinze. Ngo niyo mizero y'abanyarwanda. Ngo rubanda nyamwinshi ntacyo ivuze. Si ugutuka Habyarimana birasizora. None aho ukuri kugaragariye, aho abahutu bose bungiye ubumwe bwabo Kangura yabasabaga, bya binyamakuru by'inkotanyi byarahagaze. Ku buryo n'ibyari bishinzwe gutuka Habyarimana nabyo byahagaze. Kubera ko ntawe ugikeneye ibyo bitutsi. N'ibigihari nabyo iminsi yabyo irabaze.

**Abanyamakuru n'abanyapolitiki.**

Ikindi gituma ibinyamakuru bihagarara ni uko byishinga inyungu z'abanyepolitiki maze bakabikoresha ibyo bashatse, bititaye kubyo rubanda ibitezeho. Maze umunyapolitiki yagera kubyo yifuzaga, ntabe yanagutwara mumodoka ye. Ya mafaranga yakumenyereje atuma usohora ikinyamakuru yabura, ukaba urahagaze. Kubera ko mu byukuri uba utarakoreraga abaturage. Ahubwo warakoreraga abanyapolitiki. Yewe, usibye no kuvaho kwabo, niyo bazamutse mu ntera, bagasanga batakigukeneye, niyo usabye kubonana nabo, ntibemera kukwakira. Ngurwo urwo ibinyamakuru byandika ibyo bitemera rwapfuye. Hari igihe bene abo bashaka guhindura nabwo bakabura ababafasha kubera ko bababwira ngo nta murongo uzwi mugira. None muvugira uyu, ejo uriya. None se umuntu yabafasha ate?
Icyo gihe nibwo ubona uwitwaga umunyamakuru atinya no gusoma ibyo yigeze kwandika atemera. Kuri iyo ngingo rero biragaragara ko nta munyapolitiki mwiza. Mubana kubera inyungu ze gusa. Zabura, akaguteranya na rubanda. Akenshi ugapfa mu mwanya we. Wagwa mu gatsiko, bakamusiga akaba ari wowe gahitana. Wafungwa ntagusure cyangwa ngo agusurire abo wasize. Muri politiki ni mpa nguhe.

**Umunyamakuru nyawe ni nde ?**

Iyi ngingo ntawayitindaho kuko umuntu ashimwa n'abamutezeho byinshi. Twavuze ko uvuga ibizaba, ugatunga agatoki ibibogamye, bene kubigorora



bakabimenya. Rubanda ikabyemera. Nguwo uwo twita umunyamakuru nyawe. Nguwo uwo abaturage bakeneye.

**Ingabo za LONI zizazira iki ?**

Nkuko twe muri Kangura twakunze kubivuga kuva amasezerano y'Arusha yabaho, twashyize ahagaragara ikibazo kiri mu Rwanda. Ikibazo gihari ni icy'amoko, abahutu n'abatutsi. Abashyikiranaga bose barakirengagiza bahugira mu kubeshyana gusa. Ugasanga Leta y'u Rwanda irabwira amahanga ko nta kibazo cy'amoko kiri mu Rwanda. Inkotanyi nazo ku ruhande rwazo zikabeshya ko nta kibazo cy'amoko kiri muri FPR. Nyamara muri Salon z'abashyikiranaga, ugasanga bemeza ko ikibazo gihari ari icy'abahutu n'abatutsi. Ariko bagera mu mishyikirano bagahishana. Kandi buri ruhande rushira. Muri Kangura dukunze kuvuga ko aho inzovu ebyiri zirwaniye hababara ibyatsi. Nguko uko abaturage b'inzirakarengane bicwa bazira amasezerano batagizemo uruhare.

Ni iki cyagombye gukorwa rero? Kangura yabivuze kuva iyi ntambara yaba. FPR yagombaga kuvuga ko ivugira abatutsi. Ikavuga akarengane kabo kose. Byaba ngombwa igakoresha kongere y'abatutsi, igafata ibitekerezo byabo byose, bikubiyemo uko barengana.

Maze iriya myanya yahawe Arusha, bikandikwa ko mu butegetsi bw'u Rwanda ubwo ari bwo bwose, abatutsi bagomba kugira 40%. Abahutu bo benshi bakagira 60% ku myanya yose y'ubutegetsi. igisirikare kidasigaye. Hagategekwa ko no kugira ngo ishyaka ryemerwe rigomba kugira ariya moko yombi kugeza mu butegetsi bw'iryo shyaka. Bityo ikibazo cy'abahutu n'abatutsi kikaba kibonewe umuti.

**Ni hehe byapfiriye ?**

Twavuze ko abashyikiranaga bakomeje kubeshyana bavuga ko mu rwanda nta moko afitanye ibibazo. Ko amasezerano y'Arusha agomba kubahirizwa uko ateye. None bene gusinya y'amasezerano nibo babaye abambere mu kutayubahiriza. Ndetse bayica mbere y'abatayemera. Nguko uko muri PL, MDR, PSD, ubu ikibazo cy'abahutu n'abatutsi kirimo gutwika igihugu, kigarika n'ingogo. None se bishoboka bite ko Ngurinzira, Nsengiyaremye, baba aba mbere mu kwamagana amasezerano bakoze kugera ku ndunduro?

**Amahanga nayo yasobanuriwe nabi.**

Ingabo za Loni zijya kuza mu Rwanda, zaje kunga ibice bibiri byari bishyamiranye. Ingingo izizana mu rwanda ivuga ko mu gihe imirwano yubuye zizahita zifata indege ya mbere zigasubira mu bihugu byazohereje. Ubwo mu rwanda rukambikana, abahutu n'abatutsi bakamarana. Abaturage batazi gusoma no kwandika bakicwa urubozo. Ibice byasinye byombi bikamarana. Imyiryane ikaba yoretse u rwanda biturutse ku masezerano yizwe nabi. icyo gihe kandi na bene kuyasinya cyangwa kuyategura, imirwano ikabahitana, batabikekaga.

**Amasezerano y'Arusha ni nk'inzu yubatse ku manga. Ishobora gusenyukana n'ibiyirimo byose. Igihe icyo ari cyo cyose.**

Kugira ngo ibi byumvikane neza, ni ngombwa gufata urugero. Umuntu ubwira umugore utwite inda igeze mu mezi arindwi ngo byara nguhembe, kandi bizwi neza ko inda ivukira amezi icyenda. icyo gihe yaba ubyara cyangwa uhemba, bose, baba babona ko bidashoboka. Ko nibinaba bikurura ingorane. Niyo ubyamaganye ubabwira ububi bwabyo ntibabyumva kuko bagira ngo ni ugufuha kuko nawe utahembwe.

Nguko uko abantu ku giti cyabo bahatira u Rwanda gushyiraho Guverinoma y'inzibacyuho igihe kitaragera. Ibibazo bihari bitaracyemurwa. Ngo nitajyaho ntibazaduha imfashanyo. Muri urwo rugero, u rwanda ni umugore utwite. Loni ni amahanga ashaka guhemba inda ivukira amezi 7. Nyirabayazana ni uwateye ya nda ariwe "ARUSHA".

**Ingabo za Loni zizapfa zite ?**

Nkuko byagenze muri Somaliya, ahapfuye ingabo za Loni zigera kuri 200 zapfuye zizize kubogama, no mu rwanda ubu Guverinoma igiye kujyaho, abatayirimo bazayirwanya. Kimwe n'abayirimo batayemera. Igihugu usange cyuzuyemo ibyogomeke ku butegetsi. Ingabo za Loni zizakomeza kubogamira ku masezerano y'Arusha kuko ariyo yatumye ziza ino. Abatemera ayo masezerano bazazahukamo bazitsembe, bazitere amagerenade, zipfe buri munsi. Nazo zizagera igihe zirambirwa, zikubure, zitahire, imivu y'amaraso ibone y'ameneka. Abatutsi bashire kimwe n'abahutu b'ibibwa. Inyenzi zizongera zisabe inkunga Museveni maze zitere abahutu, nabo bicwe urubozo. Izo nkuru mbi zose zibe ziturutse ku masezerano yizwe nabi.

**Umwanzuro.**

Yaba inyenzi, yaba Guverinoma y'u Rwanda, yaba ingabo za Loni, ibyo bibazo ntawe ubibona.

Habuze n'umwe uba umugabo ngo asabe ko ayo masezerano y'Arusha yahuzwa n'igihe tugezemo. Nyamara bashyize mu gaciro bakumva ko mu bihe tugezemo, umunsi umwe w'u Rwanda ari imyaka itatu yo hambere. Ibihe bihinduka buri kanya ku buryo iyo utandukanye n'umuntu, mwongera guhura ibyo mwasezeranye hari icyahindutseho kubera uwo muvuduko.

Bishoboka bite ko amasezerano y'Arusha amaze amezi arindwi asinywe yakomeza kuguma uko ari kandi byaragaragaye ko adahuje n'uko imbere mu gihugu batekereza?

Ku byerekeye ingabo za Loni, usibye ko zizataha kubera kwicwa zizira amakimbirane y'Amasezerano y'Arusha yizwe nabi, ubu muri Loni ni umwaka mubi ku ngabo zayo ziba mu rwanda. Ngo umutungo wari warazigenewe mu myaka ibiri zari kumara mu rwanda, ngo hamaze kuvaho ahwanye n'amezi arindwi. Kandi nta kintu cyari cyakorwa. Nicyo gituma, inama ishinzwe amahoro ku isi iri hafi guterana ngo isuzume ibi bikurikira :

- kuzitahura kuko ntacyo zimaze mu rwanda,
- kuzongerera umutungo batazi neza aho uzava;
- kugabanya inzibacyuho, amatora akaba mu mwaka umwe n'amezi atatu ari imbere.

Bityo bikaba byujuje ya myaka ibiri yari yarateganyijwe. Nguko uko kangura ibaburiye ibizaba uko ibibona. Uko ibizi uko bizagenda. Uko mu minsi ya vuba abantu bagiye kujya bicwa ntihagire anketi zikorwa.... Byose bikomotse ku masezerano y'Arusha.

*NGEZE Hassan.*

COMITE DE REDACTION

| | |
|---|---|
| — NGEZE Hassan | Directeur-Rédacteur en Chef |
| — NYABYENDA Issa | Rédacteur en Chef Adjoint |
| — SIBOMANA NABANTU | Journaliste |
| — HITIMANA Noël | Journaliste |
| — HAKIZIMANA Joël | Secrétaire de Rédaction |

PAM, ishami ry'umuryango w'abibumbye wita ku biryo. Perezida wa Repubulika yakira kandi ba ambasaderi b'ibihugu byakurikiranye amasezerano y'Arusha. Bavugana ku bibazo igihugu cyacu kirimo, ishyirwa mu bikorwa ry'ayo masezerano.
Uwo munsi mu Burundi, Minisitiri w'intebe, Anatole Kanyenkiko yari afitwe Abatutsi bagenzi be bari bakamejeje. Byabaye ngombwa ko ahindura Guverinoma. Yongeramo abaminisitiri bashya bose baba 27 aho kuba 24. Hinjiramo abatutsi batsimbaraye ku bitekerezo bishaje (extrémistes).

- 13 Gashyantare 1994 : Ibiganiro amashyaka yahamagariwe kujya mu nzego z'inzibacyuho yagiye yagiranaga na Dr Roger Booh Booh kuva tariki 10 gashyantare 1994 byigizwayo (ku itariki itazwi). uwo munsi MRND, MDR pawa (uretse Nsengiyaremye) nta muntu zari zohereje ndetse na Mugenzi wa PL ntiyahagera kubera agasuzuguro ka FPR.
Uwo munsi kandi MRND yari ifite mitingi i Rwamagana yibanze ahanini kumutekano muke urangwa mu gihugu n'ishyirwaho ry'inzego z'inzibacyuho yaguye. PSD nayo yari ifite mitingi i Butare. Abafashe ijambo uwo munsi biriwe biregura bashaka kwerekana ko PSD itometse ku nyenzi. FPR nayo yagiranye ikiganiro n'abanyamakuru muri CND. Icyo kiganiro cyitabiriwe n'abatutsi gusa. Babonerano umwanya wo kurega MRND na Perezida wa Repubulika kuba ari bo baburizamo ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'Arusha.

- 14 Gashyantare 1994 : Faustin Twagiramungu wigize igihangange atsindwa urubanza rwe na MDR. Barwohereza murukiko rwa mbere rw'iremezo

yisararanga ngo perezida Habyarimana niwe wishe gatabazi. Aranihandagaza yemeza ko iyo nama itari bube. Ngo niyo yaba ibyemezo yafata ntacyo byaba bivuze.



Minisitiri **NTAGERURA Andereya aratangazwa nuko ubutegetsi butagikorera abaturage**

Umukuru wa FPR ananura intambara ngo izamena amaraso menshi ariko ngo FPR ikazayitsinda.
Uwo munsi nibwo nyakwigendera Bucyana yashyinguwe iwabo i Mururu muri Cyangugu. Barayagwiza Jean Bosco wasimbuye Nyakwigendera ku buyobozi bwa CDR yaboneyeho gusaba abahutu gukomeza kwihangana. Ntibyabujije ariko abatutsi kugumya gushotorana cyane cyane muri Komini Cyimbogo aho Bucyana avuka, n'igikondo-Nyenyeri aho yari atuye no mu gatenga. Abatutsi kandi bakomeje gukwiza ibihuha ngo abapfa ni abatutsi gusa n'abanyenduga. Twavuga nka Mujawamariya Monique, umupfakazi wa Nyakwigendera Capitaine Nzabarirwa wavugiye kuri VOA, Radiyo y'abanyamerika ngo aramutse apfuye yakwisegura benshi! Kandi twumva ko ariwe munyamabanga mukuru wa rya shyirahamwe rirengera ikiremwa muntu muri CEPGL no muri Uganda.
Uwo munsi Inyenzi Gérand Karina, ukora kuri DW, radiyo y'Abadage yarihandagaje, yemeza ko abantu baguye mu mvururu zabaye i kigali bishwe n'abagize Escadron de la mort agatsiko k'abicanyi yatinyutse kugereka kuri Perezida wa repubulika; Ngo ako gatsiko noneho ntikakihishira!
Yongeraho ko abaguye muri izo mvururu bageze kuri 60. Agahomamunwa ni uko iyo nyenzi yahunze revolisiyo

Minisitiri **NTAGERURA** Andereya aratangazwa nuko ubutegetsi butagikorera abaturage

ya rubanda yemeje ko urupfu rwa gatabazi ari bucyana warutegiye. Ngo nawe yivuganwa n'abaturage bari barakaye b'i Butare aho gatabazi avuka, bagamije kwihorera!
Uwo munsi kandi, umunyamabanga mukuru wa FPR, Major-Médecin Théogène Rudasingwa nawe yemeje ko Perezida habyarimana ari we wishe gatabazi! Tuvugishije ukuri, Habyarimana inyungu yari afite mu rupfu rwa gatabazi ni izihe?
Niba escadron de la mort bitirira Perezida wa repubulika yabagaho, uwo yakwirenza bwa mbere ni twagiramungu n'Agatha kuko aribo babangamiye inyungu z'igihugu.

- 27 Gashyantare 1994 : Amashyaka agize Guvernoma iriho yasubukuye imirimo y'inama yari yagiranye na Perezida wa repubulika bamarana amasaha 15 yose. Ariko ibyemezo by'ingirakamaro byayivuyemo byose, FPR yarabigaramye.
Mu itangazo ryashyizweho umukono na Kanyarengwe, FPR yikomaga perezida Habyarimana kuba ateza akaduruvayo! Ngo yashatse gukora indi Coup d'Etat. FPR mu mvugo yayo ya gashozantambara yamagana bikomeye Habyarimana na MRND interahamwe, CDR... ngo ntizakomeza kwihanganira abo babisha! Kanyarengwe akoresha mitingi muri Bularo, radiyo Muhabura ibeshya ko yitabiriwe n'abantu ibihumbi 5. Kanyarengwe aboneraho umwanya wo kwishongora ku bavanywe mu byabo n'intambara. Ngo barazira Habyarimana. Aranamwikoma cyane mu magambo nk'aya Lusiferi. Yarihanukiriye ngo habyarimana nta kindi ategereje, uretse urupfu!
"Chairman" akurikizaho iterabwoba asanganywe. Yibutsa abo baturage bagowe ko FPR yiteguye kubura imirwano. Ngo intwaro ifite izazimarisha abana babo hari aho yabanisha ?

Twakwibutsa ko uwo munsi abakuru b'ibihugu bigize umuryango wa CEPGL bari baraye bahuriye i Gbadolite muri Zaïre. Perezida Mobutu na Habyarimana na Cyprien Ntaryamira w'u Burundi basuzumira hamwe bashakira ikibazo cy'abahima-tutsi bagiye kworeka aka karere mu mivu y'amaraso.

Ni ah'ubutaha.... *KANGURA*


# AIR RWANDA COMMUNIQUE

## HORAIRE DES AVIONS REGULIERS: 3O OCTOBRE 1993 JUSQU'AU 26 MARS 1994.

| JOUR | | ARRIVEE | DEPART | | DESTINATION |
|---|---|---|---|---|---|
| LUNDI | [illegible] | -<br>16H25 | 14H00<br>- | [illegible] | GISENYI-KAMEMBE<br>- |
| MARDI | [illegible] | -<br>11H30<br>16H45 | 08H00<br>12H45<br>- | [illegible] | ENTEBBEE<br>MWANZA<br>- |
| MERCREDI<br>- | [illegible] | -<br>12H10<br>16H25 | 09H00<br>14H00<br>- | [illegible] | BUJUMBURA<br>KAMEMBE-GISENYI<br>- |
| JEUDI | [illegible] | -<br>12H25 | 10H00<br>- | [illegible] | KAMEMBE-GISENYI<br>- |
| VENDREDI | [illegible] | -<br>13H30<br>16H40 | 10H00<br>14H30<br>- | DHC-6<br>DHC-6 | ENTEBBE<br>BUJUMBURA<br>- |
| SAMEDI | [illegible] | -<br>12H25 | 10H00<br>- | DHC-6<br>DHC-6 | GISENYI-KAMEMBE<br>- |

## IRUSHANWA RYA KANGURA - IRUSHANWA RYA KANGURA - IRUSHANWA RYA KANGURA ... 1994

**Guhera kuri Kangura N° 58, ubuyobozi bwa Kangura bufatanyije n'abagiraneza bayikunda, yakoresheje irushanwa mu rwego rwo gucengeza ibitekerezo byayo mu bayikunda. Ibihembo bizatangwa twabigejejweho n'abagiraneza bayikunda, banayifuriza kuramba. Dore ibyo bihembo uko biteye. Kugeza magingo aya, duhereye kuri Kangura N° 58 dufite ibihembo biteye bitya :**

- **Uzaba uwa mbere azahabwa : 25.000 Frw**
- **Uzaba uwa kabiri azahabwa : 15.000 FRW**
- **Uzaba uwa gatatu azahabwa itike y'indege Kigali- Bujumbura - Kigali**
- **Uzaba uwa kane azabona itike y'indege Kigali - Gisenyi - Kigali**
- **Uzaba uwa gatanu azahabwa Radiyo**
- **Uzaba uwa gatandatu azahabwa imiguru itatu y'inkweto**
- **Uzaba uwa karindwi azahabwa isaha**
- **Uzaba uwa munani azahabwa ibiro 100 by'ibirayi n'amagi ijana n'igitenge**
- **Uzaba uwa cyenda azahabwa imitaka 2 na essuie-main bihenda**
- **Uzaba uwa cumi azahabwa ipaki y'impapuro wongeyeho amakaye umunyeshuri yakoresha umwaka wose.**

**N.B. :**

**- Irushanwa riramutse ritsinzwe n'umunyeshuri wiga mu Rwanda mu mashuri abanza cyangwa yisumbuye, Kangura izamurihirira ako kanya minerval yatanga umwaka wose.**

**- Kubera ko ibihembo bishobora kwiyongera kubera abagiraneza biyemeje kuza duhembera abazatsinda, ibihembo bizongerwa ku bazaba batsindiye iriya myanya. Aho umunyeshuri azajya anganya n'undi utari we, Kangura izajya imwongerera agahimbaza musyi Ahazajya haboneka umukobwa watsinze hiyongerwaho amavuta n'amasabune yo kwisiga.**

## Dore uko ibibazo biteye :

Byose hamwe ni 11 kandi buri kibazo ni amanota 2 usibye ikibazo cya gatatu kizabona amanota 3. Ikibazo cya gatanu gifite inota 1. Usibye ko twongeyeho ikibazo cy'amatsiko gishobora kugoboka abazaba bishe bimwe mu bibazo bya mbere. Tuboneyeho no kubasaba kutugezaho ibyo mutekereza ku banyamakuru ba RTLM.
Ni mwihutire gushaka Kangura N° 58, 59, 60 zizasohoka mu minsi ya vuba, mwikorere irushanwa !

# IBIBAZO :

**Question 1 :** a) Ni muyihe Kangura haboneka itariki 22/02/1990 aho umwami Yesu yabwiye umuntu wari wikubise hasi. Ni iki umwami Yesu yamubwiye yari yarahishe abo yagombaga kukibwira ? Abo bantu ni bande ?

***Réponse 1 :*** a) ..............................................................................................................................
..............................................................................................................................

**Question 2 :** a) Ni nde wandikiwe urwandiko rurimo interuro "turashaka gusubira mu gihugu cyacu, nta butaka tuburana bwo guhingamo, hari ibindi byinshi twakora byateza amajyambere mu Rwanda, ibindi byagira akamaro kurusha isuka"?
b) Ni nde wasinye urwo rwandiko ?
c) Yabonekaga ku kahe gasanduku k'iposita ?

***Réponse 2 :*** a) ..............................................................................................................................
b) ..............................................................................................................................
c) ..............................................................................................................................

**Question 3 :** a) Ni mu yihe Kangura habonekamo iyi nteruro "Ubwo Habyarimana yasesaga inzego za parti ku wa 5 Nyakanga 1973 wari he"?
b) Ni mu yihe Kangura Habyarimana yavuze ati "Turemeza rwose ko tutazagera ku majyambere mu myiryane n'inzangano mu banyarwanda"?
c) Kangura imaze gupfusha abanyamakuru bangahe? Ni bandde ?
d) Inyandiko uwitwa Mutabeshyerwa Antoine, commune Mukingo, secteur Busogo, cellule Rukoro B.P. 33 Ruhengeri yayoherereje Kangura ku yihe tariki, isohoka mu yihe Kangura? Ku ruhe rupapuro?

***Reponse 3 :*** a) ..............................................................................................................................
b) ..............................................................................................................................
c) ..............................................................................................................................
d) ..............................................................................................................................

**Question 4 :** a) Ni mu yihe Kangura hasohotse iyi nteruro "Le parmehutu n'a jamais nourri aucune intention de haine raciale?

***Réponse 4 :*** a) ..............................................................................................................................

**Question 5 :** a) Abategetsi bashushanyije bambaye ubusa babonetse ubwa mbere kuri Kangura mu kuhe kwezi? Ni bande?
b) Uwo Kangura yise "vétérinaire de formation, apprenti politicien avec un gouvernement incompétent" Ni nde ?
c) Kangura yandikiye ambasaderi w'abanyamerika ryari? Yamushimiraga iki? Yamusabaga iki? Iyo baruwa yayanditse mu zihe ndimi?

***Réponse 5 :*** a) ..............................................................................................................................
b) ..............................................................................................................................
c) ..............................................................................................................................

**Question 6 :** a) Interuro "uretse ko ibinyamakuru bikomeje kutwandikira kandi mwaratwizeye mubyeyi, ubundi humura inkotanyi uzaba uzitsinda" yasohotse mu yihe Kangura?
b) Ifoto igaragara kuri Kangura n° 16 ni iya nde ? Yavutse ryari? Apfa ryari?
c) Interuro : "Nyabuna rwose banyarwanda, bahutu, batutsi, namwe batwa, nimuvugishe ukuri, muvuge ibyo mwifuza" yasohotse kuruhe rupapuro rw'iyihe Kangura?

***Réponse 6 :*** a) ......
b) ......
c) ......

**Question 7 :** a) Uwitwa Hangimana yavuzeko ntawe urega umusazi. Ntihazagire rero umuregera inyandiko ze? Byasohotse mu yihe Kangura?
b) Inyandiko "Ubugiraneza bw'inkware bwayigonze ijosi" yanditswe na nde? mu yihe Kangura?
c) Kanyarengwe atumazeho abatutsi "iboneka mu yihe Kangura?

***Réponse 7 :*** a) ......
b) ......
c) ......

**Question 8 :** a) Kangura yabaye ijwi rigamije gukangura no kurengera rubanda nyamwinshi ryari ?
b) U Rwanda n'Uburundi bikwiye kuba igihugu kimwe, byasohotse mu yihe Kangura?
c) Ku itariki ya 2/12/1993 Kangura yasohoye itangazo rivuga ibiki ? Ryandikiwe bande ?

***Réponse 8 :*** a) ......
b) ......
c) ......

**Question 9 :** a) Vuga itariki abanyamakuru ba Kangura bagereye i Bujumbura kugira imibonano n'abategetsi baho?
b) Ni uwuhe mutegetsi w'u Burundi wabwiye umunyamakuru wa Kangura ngo "jewe sindi umwana w'umwami. Ivyo abami bama bapfa biraba abami"?
c) Umunyamakuru Habimana Kantano yasuye NGEZE Hassan muri gereza ya Kigali baganiririra mu yihe dortoir?

***Réponse 9 :*** a) ......
b) ......
c) ......

**Question 10 :** a) Vuga abanyacyangugu batunzwe agatoki na Kangura kuba baragize uruhari mu iyicwa rya Bucyana?
b) Abanyabutare bashinjwa na Kangura muri urwo rupfu ni bande?
c) Interuro "Monsieur Jean Carlos, criminel comme Kangua", yasohotse mu yihe Kangura? Byanditswe na nde? Yabonekaga ku yihe adresse?

***Réponse 10 :*** a) ......
b) ......
c) ......

**Question 11 :** Ikibazo cy'amatsiko : Uzatsinda iki kibazo azaba afite amahirwe yo kugisimbuza ibindi bitatu mu byo azaba yatsinzwe.
a) Dutegura iri rushanwa twifashishije Kangura zingahe?
b) Vuga inshuro NGEZE Hassan amaze gufungwa muri gereza no muri brigade zo mu Rwanda?
c) Guverinoma ya MRND, ya Nsanzimana, iya Nsengiyaremye, n'iy'Agatha, ni iyihe yafunze abanyamakuru benshi?

Réponse 11 : a) ......
b) ......
c) ......

***N.B. :*** *Ca uru rupapuro, urwomeke ku bisubizo, urwohereze kuri RTLM.*
*Izi mpapuro zigomba kuva muri Kangura n° 58-59-60.*
*Photocopie ntizemewe.*
*Ibihembo bizatangira gutangwa nyuma y'icyumweru kimwe Kangura n° 60 isohotse.*

AMAHIRWE MASA!

## SONDAGE - OPINION - BIDUTEYE AMATSIKO, YATUMARE RERO !

Kuva aho RTLM yumvikaniye mu kirere cy'u Rwanda tariki ya 28/7/1993, tubwire uko ubona imikorere yayo. Tubwire icyo yahindura kugira ngo ikunogere. Vuga ibyo uyishima n'ibyo uyinenga.

**Ni iki cyakorwa kugira ngo ikunogere?**

**Ibibazo biteye bitya :**

Turababwira amazina y'abanyamakuru ba RTLM mutubwire icyo mubatekerezaho.

**HABIMANA Kntano :**

a) Uramukunda — Yego ☒ — Oya ☐
b) Umukundira iki ? — Akazi ☒ — Ubucuti ☐
b) Muhe amanota ku icumi. [8]
d) Ni iki wifuza ko yahindura ? ..............................

**GAHIGI Gaspard :**

a) Uramukunda — Yego ☒ — Oya ☐
b) Umukundira iki ? — Akazi ☒ — Ubucuti ☐
b) Muhe amanota ku icumi. [9]
d) Ni iki wifuza ko yahindura ? ..............................

**HITIMANA Noël :**

a) Uramukunda — Yego ☐ — Oya ☒
b) Umukundira iki ? — Akazi ☐ — Ubucuti ☐
b) Muhe amanota ku icumi. [illegible]
d) Ni iki wifuza ko yahindura ? [illegible handwriting]

**NKOMATI Emmanuel :**

a) Uramukunda — Yego ☐ — Oya ☒
b) Umukundira iki ? — Akazi ☐ — Ubucuti ☐
b) Muhe amanota ku icumi. [illegible]
d) Ni iki wifuza ko yahindura ? ..............................

**BEMERIKI Valerie :**

a) Uramukunda — Yego ☒ — Oya ☐
b) Umukundira iki ? — Akazi ☒ — Ubucuti ☐
b) Muhe amanota ku icumi. [illegible]
d) Ni iki wifuza ko yahindura ? ..............................

**Abavuga Igifaransa**

**GEORGES LOUJIOU :**

a) Uramukunda — Yego ☒ — Oya ☐
b) Umukundira iki ? — Akazi ☒ — Ubucuti ☐

Amanota ku icumi 9

b) Muhe amanota ku icumi. [9]
d) Ni iki wifuza ko yahindura ? ..................

**MBIRIZI Philippe :**


a) Uramukunda — Yego [X] Oya [ ]
b) Umukundira iki ? — Akazi [X] Ubucuti [ ]
b) Muhe amanota ku icumi. [7]
d) Ni iki wifuza ko yahindura ? .......... Ntacyo ..........

**RUCOGOZA Emmanuel :**

a) Uramukunda — Yego [ ] Oya [ ]
b) Umukundira iki ? — Akazi [ ] Ubucuti [ ]
b) Muhe amanota ku icumi. [ ]
d) Ni iki wifuza ko yahindura ? ..................

**PERPETUE :**

a) Uramukunda — Yego [ ] Oya [ ]
b) Umukundira iki ? — Akazi [ ] Ubucuti [ ]
b) Muhe amanota ku icumi. [ ]
d) Ni iki wifuza ko yahindura ? ..................



# WARI UZI KO ABABYEYI MILIYONI IMWE N'IGICE KU ISI BAHITANWA N'INDA BURI MWAKA ?



Nkuko ishami ry'umuryango w'Abibumbye ryita ku buzima (organisation Mondiale de la Santé OMS) ribitangaza, ku isi abagore bagera kuri miliyoni imwe n'igice buri mwaka bahitanwa n'inda batwite cyangwa se igihe cyo kubyara. Muri abo babyeyi, miliyoni imwe n igice, 99 ku ijana ni abo mu bihugu bikiri mu nzira y âmajyambere. Mu gihe turangije icyumweru cyahariwe abagore, ni ngombwa kuzirikana icyo kibazo gihangayikishije bashiki bacu cyangwa se ababyeyi bacu. Ishami ry ûmuryango w'Abibumbye wita ku buzima (OMS) nawo ntiwabatereranye. Ubu rifite umushinga wo kugabanya kabiri umubare w'ababyeyi bapfa burimwaka igihe batwite cyangwa se igihe cyo kubyara.

Iyo ntego barateganya ko izaba yagezweho mbere y ûmwaka w'ibihumbi bibiri. Nibyo bise «Initiative pour une maternité sans risque». Tugenekereje mu Kinyarwanda, twavuga ko ari nk'umushinga ugamije korohereza ababyeyi kubyara. Uwo mushinga ureba uburyo bwose bwerekeye gutwita cyangwa kubyara nta ngorane. Muri izo ngorane hari uduce tumwe tw'ababyeyi twugarijwe kurusha utundi cyane cyane abana babyara bataregeza ku myaka 15 cyangwa se abagore barengeje imyaka 45. Uwo mushinga bise «Initiative pour une maternité sans risque», ureba kandi ingorane ababyeyi bagira igihe batwite cyangwa se igihe cyo kubyara bitewe ahanini n ûbujiji bw'abagore batazi ukuntu bagomba kwitwara igihe batwite. Abagore 60 ku ijana bazira kurya nabi igihe batwite. Iyo umubyeyi atwite, ni ngombwa kurya neza bityo n ûmwana atwite akaboneraho. Ni ngombwa ko arya imboga n'imbuto zihagije. Byaba kandi ngombwa, abitegetswe na muganga, agafata ibinini bitunga umubiri.

Hari abagore benshi bibagirwa ko bagomba kurya ku buryo buhagije igihe batwite. Rimwe na rimwe nta buryo bwo kugura imbuto cyangwa se imboga ku muryango wose. Muri Afurika ho, ibintu ni ibindi bindi, kuko abagore aribo barya bwa nyuma na nyuma, nyuma y'abagabo babo n'abana babo. Muri Afurika kandi, abagore nibo bakora imirimo iruhije kandi ntibaruhuke. Ababyeyi nibo bakora kugeza ku munota wa nyuma, nta kuruhuka nibura iminota mike ku munsi cyane cyane mu mezi ya nyuma yo gutwita. Ikindi kizitira ababyeyi bo muri Afurika ni ukwinenaguzwa, bakavuga ngo kirazira kurya nk'amagi cyangwa se ihene ngo batamera ubwanwa ! Kugira ngo uwo mushinga «Initiative pour une maternité sans risque», wo korohereza ababyeyi kubyara nta ngorane ugerweho, tugomba kuzirikana ibi bikurikira :

– Kwigisha abagore batwite uburyo bwo kwirwanaho nabo bakabyigisha abandi.

– Kubegereza ibitabo bikubiyemo uburyo bwo kwiyitaho igihe batwite kugira ngo bazabashe kubikoresha no mu bihe bizaza.

– Kubwira abashinzwe ubuzima muri Minisiteri y Ûbuzima kwegera ababyeyi bakabakangurira iby îcyo kibazo.

– Abagore batwite bagomba buri gihe kujya kwa muganga kwisuzumisha. Bakanikingiza kuko ntibaba bazi neza niba bazabyarira kwa muganga cyangwa se iwabo mu rugo.

## AMASEZERANO Y'ARUSHA ARACYARIKORA.

**Mu ijoro ryo ku wa 12 ry'uku kwezi kwa gatatu, Nsengiyaremye Dismas yatewe n'abantu bashakaga kumuryoza ibyo yakoze, akizwa n'uko umunsi we wari utaragera. Nkuko Radiyo Rwanda yabitangaje, uwo mugabo yararusimbutse ariko ngo burya urishigishiye ararusoma.**

## Ese ubundi azira iki?

Nkuko twakunze kuvuga ko amasezerano y'Arusha azagarika ingogo kubera kwigwa nabi, benshi batangiye kwemeza ko ariyo Nsengimasi yari agiye kuzira. Ni nde ufite inyungu ku rupfu rwe?

**1.** Inkotanyi nizo za mbere zigira ngo imbere mu gihugu habe imvururu maze zifatireho zishoze imirwano.

**2.** Abantu batishimiye ukuntu yagurishije igihugu akigambanira kubera ubwenge bucye butuma atareba kure.

**3.** Abo muri MDR Twagiramungu bagira ngo bace abaparmehutu mo ibice basubiranemo. Ingufu bari bafite zikendere maze n'inkotanyi ziboneraho.

**4.** Aba pawa batishimiye ko yasubira mu butegetsi bw'inzibacyuho kandi ibibazo ishyaka ryabo rifite ariwe wabibakururiye. Dore ko benshi mu baparmehutu batishimiye ukuntu yongeye kwiyunga na Twagiramungu kandi bari biyemeje kumurwanya. Ibyo byose bishobora kumwicisha dore ko n'intambara yongeye kubura kubera amasezerano y'Arusha yizwe nabi we na Ngurinzira batayicika.

**5.** Ashobora kuba ataratewe ahubwo akaba ari uburyo bwo kugira ngo abasuwisi bamuhe visa yo gutura mu gihugu cyabo, dore ko bayimwimye bemeza ko nta mpamvu afite yo gufata ubuhungiro.
Ibyo birashoboka kuko abo muri MDR uruhande rwa Pawa bavuga ko naho yaba yaratewe hatari abantu, yavuze ko bateye gerenade iwe mu nzu; kugira ngo abone uko agera kubyo yifuza kugeraho. Ibyo byose byaba byo, bitaba byo, azazira amasezerano y'igihugu yihereranye na Ngurinzira Arusha.

Anketi ziracyakomeza usibye ko twe abo muri Kangura ari uko tubibona.

*NGEZE Hassan*
*Kangura.*

Nyakubahwa,

Twebwe, abanditsi bakuru baku ru ba KANGURA, tumaze gutahura agatsiko k'abicanyi kayobowe na Colonel KARENZI wo muri FPR, kakaba kariyise «Opération finale». Dusanze tugomba kubandikira ibaruwa ifunguye ngo muyisome n'abandi banyarwanda maze murebe icyo mwakora mu kuburizamo umugambi w'ako gatsiko.

Amavu n'amavuko y'ako.

Nkuko byakunze ku ugwa ko inyenzi, nyuma y'intambara irambuye, zizahindura uburyo bwo kurwana, zatangiye kwica abatavuga rumwe nazo nkuko MUSEVENI yabikoze akimara gufata Kampala. Ubu mu Rwanda hamaze iminsi hakorwa ubwicanyi kandi bugakorwa mu maso yanyu namwe mubibereye ubwo bwicanyi abantu bakomeje kwinaza uko butegurwa kuko bukorwa mu buhanga buhanitse. Impamvu tu aze ko buhanitse, nuko kugeza ubu abishwe bose nta anketi zigeze zifata ababishe, bigatuma umuntu wese, yarishyizemo ko ashobora gupfa. Nkuko ba GAPYISI, GATABAZI, BUCYANA n'abandi bose bapfuye, ariko na nubu anketi zikaba zitarakorwa ngo zigaragaze abo bagizi ba nabi.

Twebwe, mu rwego rw'itangazamakuru' tumaze gutahura ko uwitwa KARENZI KARAKE Colonel




mu Ngabo za FPR, ucumbitse muri Hôtel Méridien i Kigali, akaba umwe mu bagize ingabo za ONU ziri mu Rwanda mu rwego rwa Minuar, ariwe washinzwe imirimo yo kwica abatavuga rumwe na FPR. Ibyo akabikora agambiriye gusubirishamo abanyarwanda no gukora iterabwoba nkuko yabigenje i Kampala muri Uganda. Ubu mbandikiye iyi baruwa hamaze gusohoka (250.000.000), miliyoni makumyabiri n'eshanu yo guhemba abo bakozi ba KARENZI bazamufasha kwica, gusenya, gutera ubwoba. Guhera tariki ya 9/03/1994, Karenzi yohereje abo bicanyi mu mujyi wa Kigali, Gitarama, Butare na Cyangugu. Vuba aha rero hakaba hashobora gupfa abantu bakomeye barimo abategetsi, abasirikari bakuru n'abanyamakuru n'abanyeshuri bo muri Kaminuza. Ubutumwa bwo kubica, ubu bwaratanzwe, umunota uwo ari wo wose mwakumva ngo runaka yapfuye yishwe n'abagizi ba nabi. Muri ibyo bikorwa kandi hashobora no guturikwa station za lisansi tutaramenya izo arizo. Tubandikiye iyi baruwa ariyo nteguza ya nyuma kuko nimutegira icyo mubikoraho ngo mubikurikirane hafi harapfa abantu benshi mu minsi ya vuba maze anketi zimere nka za zindi z'ubwicanyi bwo mu Kirambo, Mutura, mugiye kumara umwaka mwaranze gutangaza kubera kubogama. Dusabye twebwe abanyamakuru ba Kangura abatuye Kigali kwirinda gutinda mu tubare batazi no kwicarana n'abantu batazi abo aribo bose: Abo Karenzi akora na nabo ubu barazwi. Abatwerera FPR mu gusoza iyo migambi nabo ubu barazwi. Twe icyo tuzakora ni ukubamenyesha aho «Opération finale» igeze.

Umuyobozi wa KANGURA
NGEZE Hassan

Bimenyeshejwe :

Radio Rwanda
Radio RTLM
Radio MUHABURA


**Abishe BUCYANA turacyabahiga.**

BUCYANA : «Urupfu rwanjye ntirwagombye kubaca intege. Icyangombwa ni ukuzirikana icyo naharaniye. Icyo nzi gusa ni uko urupfu rwanjye kimwe n'urwa murumuna wanjye Morisi, rwaturutse ku nkozi z'ibibi zatugambaniye. Barabeshya abo Leta itazafata bazafatwa na rubanda maze baryozwe ibyo bakoze.


I Cyangugu :
- Serubyogo
- Baziruwiha Mariyana
- Karangwa

I Butare :
- Maneko Iyamuremye
- Bihira Juvénal
- Bashimiki
- Ryambabaje Alexandre
- Rutaziganwa Ignace
- Mazina Alexandre
- Muani Sakwaya
- Jabo Aloys
- Gatoki
- Yahaya
- Kagwindiri
- Lukusa

na Buyoya ukora muri Musée




# HABYARIMANA ATINYA...... BARINGA.




Igihe inyenzi Museveni iza mu rwanda mu mwaka w'1987, yagiye i Butare yakirwa nk'umwami kuri Stade Huye. Amaze kurengwa yishongoye ku banyarwanda abacyurira ko bagiye guterwa n'abatutsi bamurwaniriye.
Museveni abonye ko bidahagije, abaza abari aho mu Kinyankole ngo bazi Baringa?
Perezida Habyarimana nawe yari ahari. Aba ari nawe umusubiza. Habyarimana yivugiye ko Baringa ari cya kintu kigenda nijoro, gikanga abantu...
Museveni ati uragikoze!
Muri Kangura y'ubushize (n° 57 P.4) twaranditse tuti : "Perezida Habyarimana niyereke ko afite ububasha".
Muri iyo nimero, twarakomeje tuti : "Aho ibihe bigeze, icyo abaturage bamusaba (Habyarimana) ni ugukora akazi igihugu cyamushinze, akareka kwishinga abanyapolitiki. Nibyo twakwita "prendre ses responsabilités". Perezida Habyarimana yaranzwe buri gihe no gufata ibyemezo atinze. Yanabifata nabwo ugasanga ntakikiramirwa. Aho u Rwanda rugeze ubu, Perezida Habyarimana ntiyari akwiye kwishinga ibyo abanyapolitiki barimo dore ko bahangayikishijwe n'inda zabo gusa. Ibiba byose amenye ko ariwe bizabazwa. Twagiramungu, Agatha, FPR bazaba bigaramiye". None si byo !

Ikigaragara ni uko Perezida Habyarimana agikonje. Ku buryo abantu benshi bibaza icyo atinya n'uwo atinya. Akaba akomeje gukina mu bikomeye. Singaye n'abamurega ko ari we ukomeje gutinza ishyirwaho ry'inzego z'inzibacyuho yaguye.




Twibukiranye gato. Tariki 5 Mutarama 1994, Perezida Habyarimana yarahiriye kuzayobora igihugu muri iyi nzibacyuho twitegura.
Atumira ba minisitiri b'intebe bombi (Rukokoma n'icyana cye), abadepite, n'abaminisitiri bahamagariwe kujya muri izo nzego. Abashyigikiye FPR harimo na ba minisitiri bombi baramusuzugura. Tariki ya 23 Gashyantare 1994 Perezida Habyarimana arongera arabatumira kugira ngo bavane igihugu mu gihirahiro. Na none baramugarama. Ibyo byonyine byari kuba bihagije kugira ngo Perezida Habyarimana afate icyemezo cyo gutabara rubanda atitaye ku murengwe w'abanyapolitiki basinye amasezerano y'Arusha. Abantu bagaruye agatima ubwo yatumizaga amashyaka ari muri Guverinoma iriho tariki ya 25 Gashyantare 1994 kugira ngo barebe icyo bakora. Abanyarwanda bari bamuhanze amaso bazi ko yariye noneho karungu.
Bari bazi ko agiye gufata ibyemezo nta gukina. Na Rukokoma kimwe n'Agatha bari bazi ko ari bubirukane ari nacyo cyatumye bazamuri iyo nama kandi bari babanje kwigira kagarara. Iyo nama yasubukuye imirimo yayo taliki ya 27 Gashyantare 1994, imara amasaha 15 yose. Ibyemezo byafatiwemo n'ubwo byari ingirakamaro, abadashaka ko igihugu kiva mu kaduruvayo, FPR iri ku isonga, babiteye utwatsi. FPR yamagana bikomeye Habyarimana, MRND, Interahamwe na CDR.

Ngo ntizizakomeza kwihanganira abo babisha! Kanyarengwe araheraheza ngo icyo Habyarimana ategereje nta kindi uretse urupfu!
Amateka y'isi atwibutsa ko kera mu baromani, iyo igihugu cyagwaga mu kaduruvayo nk'ako u rwanda rurimo, uwari umukuru wacyo yakoraga uko ashoboye akakivana mu makuba.

Dore ko abaturage ari we babaga bahanze amaso. Abarundi nibyo bise "kugarukira" igihugu.
Iyo igihugu cyajyaga m u byago, umukuru wacyo ntiyishingaga iby'abanyapolitiki. Yahitaga afata ububasha bwose bukajya mu maboko ye kugira ngo arengere abo ashinzwe kuyobora. Icyo gihe yitwaga "imperator" cyangwa se "empereur" mu gifaransa.
Ubwo bubasha buhanitse yabuhabwaga kugira ngo arengere inyungu z'abaturage. Iyo igihe cy'amahane cyarangiraga "Imperator" yasubizaga ubutegetsi rubanda bakishyiriraho abategetsi binyuze mu nzira y'amatora. Ibyakorwaga n'abo bakurambere banadutanze kubona izuba muri demokarasi byagombye kubera Perezida Habyarimana isomo.

Ntituvuze ngo Habyarimana nafate abasirikari bafate ubutegetsi kungufu. Ntacyo twaba turushije injkotanyi. Ariko nagire akanyabugabo akure igihugu mu gihirahiro akoresheje uburenganzira ahabwa n'amategeko. Birazwi ko umuntu uteza akaduruvayo muri iki gihugu ari twagiramungu afatanyije n'inyenzi. Bavuga ko iyo ujya kwica inzoka uyica (uyimena) umutwe. Perezida Habyarimana afite uburenganzira bwo guhindura minisitiri we w'intebe, agashaka undi. Amasezerano y'Arusha yageneye ishyaka MDR umwanya wa minisitiri w'intebe. Ntabwo yawugeneye kanaka.
Kuki Perezida Habyarimana atakwaka ishyaka MDR undi minisitiri w'intebe? Twagiramungu niwe kamara? Cyane cyane ko atanatanzwe n'ishyaka, yishyizeho. Ariko usanga Perezida Habyarimana atinyatinya nk'aho Rukokoma ari "igihangange" kidakorwaho. Twongere tubisubiremo. perezida Habyarimana mu byukuri atinya iki? Atinya nde? Aho si.... Balinga?

Kangura.

KA02 2085



Madame BUCYANA

***Umugore wa nyakwigendera BUCYANA Martin we n'umugabo bari iruhande rwa Nyagasani aho tuzahora tubazirikana iteka.***